**TTB KIN 1287**

## TUMENYE BIBILIYA

## IKIGANIRO: 1287

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize nakubwiye ibizabaho ku mpera y'ingoma y'imyaka igihumbi

Uyu munsi, ndakubwira uko Satani azabohorwa nyuma y'ingoma y'imyaka igihumbi maze we n'abatizera bose bacirwa urubanza.

## SATANI ABOHORWA NYUMA Y'IMYAKA IGIHUMBI

**Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe.**

**Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja.**

**Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike, [Ibyahishuwe 20:7–9].**

*Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja. Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike,*

Nubwo igitabo cy'Ibyahishuwe kivuga ibizaba ku mperuka y'ibihe, cyane cyane ibi bice bya nyuma bike. Aha ni ho tubona kwigomeka kwa nyuma kwa Satani n'umuntu bigomeka ku Mana. Ingoma y'imyaka igihumbi ni igihe cyo kugerageza umuntu apimirwa mu bihe byiza azaba arimo, nk'uko uyu murongo ubyerekana. Igihe Satani azabohorwa, abantu benshi bazaba bimanye ingoma na Kristo mu bihe byiza, bazasanga Satani. Kumenya aho aba bantu benshi bazaba bavuye ni ikibazo gikwiriye kwibazwa. Igisubizo gishingira ku kuba atari abantu benshi bazinjira mu gihe cy'imyaka igihumbi gusa, ahubwo hari n'ibihumbi by'abantu bazavuka muri icyo gihe cy'imyaka igihumbi (ibyo wabisoma muri Yesaya 11:6; 65:20). Iki kizaba igihe mu isi

hazabaho abantu benshi cyane. Indwara zizashira. Kuko umuvumo w'icyaha uzaba wakuwe mu isi, isi izamera cyane kugira ngo ihaze abantu benshi bazaba bayituye. Muri ibi bihe byose, umutima w'umuntu gusa ni wo utazahinduka, kandi abantu benshi bazatera Imana umugongo maze bahindukirire Satani. Ibi biragoye kubyemera, ariko se uyu munsi bimeze bite? Uyu munsi Satani ariho arakora ibisa n'ibi.

Uku kwigomeka kuzakurikira ingoma y'imyaka igihumbi kuzahishura uburyo umutima w'umuntu ari mubi. Yeremiya yaravuze ngo, "Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?" (Yeremiya 17:9). Wowe nanjye ntidushobora kumenya uburyo ki turi babi. Ntabwo kamere zacu za kera zishobora kumvira Imana. "kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira." (Abaroma 8:7). Aba bantu bazabaho ubuzima bwiza mu gihe cya Kristo cyo kwima ingoma y'imyaka igihumbi, kandi ntekereza ko aba bantu bazagera aho barambirwe ibihe bazaba barimo. Igihe Kristo azategeka isi, azaba Umunyagitugu—uzaba ushobora kuba mu murongo we cyangwa kutawubamo. Ariko aba bantu batubwira hano, ntibazabasha kuguma mu murongo w'Imana; ni uko rero igihe aba bantu bazaba babonye akanya ko kwigomeka, bazabikora bivuye inyuma. Ibihugu by'isi bizongera kandi kuyoborwa na Satani maze bicure umugambi wo kwigomeka.

Kuko uko kwigomeka kwitwa "Gogi na Magogi," abanyeshuri benshi ba Bibiliya babyitiranya na Gogi na Magogi bavugwa muri Ezekiyeli 38–39. Nyamara ibi ntibishoboka kuko ibibazo bivugwa hano bidafite aho bihurira haba mu gihe, ahantu cyangwa ababifitemo uruhare—amazina gusa ni yo asa. Urugamba ruzaturuka mu majyaruguru rushojwe na Gogi na Magogi nk'uko byanditswe muri Ezekiyeli 38–39 ruzasozwa n'amahoro y'ikinyoma azazanwa na Antikristo maze bitume Antikristo yerekana ukuboko kwe hagati mu gihe cy'ibyago bikomeye. Uko kwigomeka ku Mana kuzaturuka mu majyaruguru kuzerekana uko umuntu ateye nyuma y'imyaka igihumbi, uko kwigomeka kwa nyuma k'umuntu kuzagira izina risa n'irya—Gogi na Magogi.

Muri iki kinyejana twanyuze mu bihe bisa. Intambara ya mbere y'isi yari mbi cyane ku buryo n'igihe intambara yongeraga kuba mu Burayi, yahuje ibihugu bimwe kandi icyo gihe biba byinshi kurusha ibya mbere, iyo ntambara na yo yitwa intambara ya kabiri y'isi, icyayitandukanyije n'iya mbere ni umubare kabiri gusa. Dufite rero intambara ya mbere y'isi,

intambara ya kabiri y'isi, kandi n'uyu munsi abantu bahora bavuga iby'intambara ya gatatu y'isi ishobora kuba igihe icyo ari cyo cyose.

Nshobora gukoresha ibyabaye ku buzima bwa Dr. Vernon McGee. Mu gihe cye hariho abantu benshi bitwa John mu muryango we kugeza aho mama we yafashe icyemezo cyo kumwita J. Vernon McGee. Inyanjwi "J" ikaba yarihagarariye izina John, ariko McGee avuga ko atigeze na rimwe yitwa John. Nyirarume, ba sogokuru be babiri na se, abo bose bitwaga John. Ni uko rero urumva impamvu yahawe izina rya J. Vernon—kugira ngo atandukane n'abandi bantu benshi. Kuba McGee yari afite izina risa n'iry'abo mu muryango we ntibisobanura ko bose bari umuntu umwe.

Intambara ivugwa muri Ezekiyeli 38–39 ifitanye isano na Gogi na Magogi ba mbere, hanyuma hano mu Ibyahishuwe 20:8 bakatubwiramo Gogi na Magogi ba kabiri. Nubwo amazina ari amwe, intambara ivugwa hano izaba itandukanye, kuko bizaba ari ukwigomeka kwa nyuma kwa Satani. Kuba ibi bihe byombi bisangiye amazina ntibisobanura ko ibyo bihe ari bimwe.

Ku murongo wa 9 hazabaho guturitswa kwa nyuma kwa "bombe atomic." Interuro ivuga ngo, "uva mu ijuru," ntabwo mu by'ukuri yanditse neza. Kuko muri make ubusobanuro bw'umurongo twasomye ushaka kwerekana ko imbaraga karemano zarimbuye Gogi na Magogi ba mbere ari nazo zizarimbura Gogi na Magogi ba kabiri.

Uku kwigomeka ku Mana kuzamera nko kwigomeka kwa mbere k'umuntu kwabereye mu itongo rya Eeni. Hano rero ntibizaba ari intangiriro ahubwo bizaba ari iherezo ryo kutumvira Imana kw'umuntu. Kuzaba ari ukwigomeka kwa nyuma kubi. Kugeza aha nta kindi kizaba gisigaye usibye urubanza rwa nyuma.

## SATANI AJUGUNYWA MU NYANJA YAKA UMURIRO N'AMAZUKU

**kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose. [Ibyahishuwe 20:10].**

*kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose.*

Iyi ni ingino ikomeye cyane, kandi abantu bo muri iki gihe bakomeje kuyirengagiza. Nyamara ni ngombwa ko umwana w'Imana amenya ko umwanzi—abe n'ab'Imana—bombi bazahabwa ubutabera buhoraho. Amagambo nk'aya ntamara amatsiko cyangwa ngo anezeze uyasoma. Kuko iyi ngingo tubona ko ivugwa mu buryo bw'ukuri ariko butaziguye. Niba umuntu yaranditse ibintu nk'ibi, akabivugaho byinshi, ntabwo yari akwiye kugera kuri iyi ngingo ngo yifate, ntayivugeho byinshi. Hari ibyo Sir Robert Anderson yita; "amagambo mabi y'abahanuzi bavuga ibyo bishakiye," kandi koko tujya tubona abantu badatinya kujya kure y'ibyo Ijambo ry'Imana riba ryavuze. Ijambo ry'Imana ririfashe—kuko ritavuga byinshi byerekeranye n'iyi ngingo y'ikuzimu, cyangwa iy'ijuru.

Hano hariho ukuri kutera abantu benshi kuvuguruzanya. Icya mbere uyu munsi, Umwanzi ntabwo ari I kuzimu. Ni umutware utegeka ikirere. Ni we utegeka iy'isi mu buryo bwaguye. Ni byo ko Imana yamushyiriyeho imbibe uyu munsi, ariko mu gihe cy'amakuba akomeye, Satani azahabwa ububasha bwose kuri iy'isi.

Icya kabiri, Satani ntabwo ari we wa mbere uzajugunywa ikuzimu. Ya Nyamaswa n'Umuhanuzi w'ibinyoma bazamubanziriza kuko bazajugunywa ikuzimu mbere y'uko ingoma y'imyaka igihumbi igera.

Nyuma, tubona ikuzimu hagereranywa n'inyanja yaka umuriro n'amazuku. Umwami Yesu ni we watanze ubusobanuro buteye ubwoba bw'ikuzimu. Dushingiye kuri ibi byanditswe: "Azabwira n'abari ibumoso ati 'Nimuve aho ndi mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka watunganirijwe Umwanzi n'abamarayika be," (Matayo 25:41). "ariko abana bo muri burya bwami bazirukanirwa mu mwijima hanze, ari ho bazaririra bakahahekenyera amenyo." (Matayo 8:12).

Ibi bituma buri wese ahagarara akibaza ngo: Ni gute ikuzimu haba hanze kandi mu mwijima, haba n'umuriro? Yesu Kristo nanone yaravuze ngo: "babajugunye mu itanura ry'umuriro. Ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo." (Matayo 13:42). "aho urunyo rwabo rudapfa kandi n'umuriro ntuzime." (Mariko 9:44). Mu bitekerezo byanjye, umuriro ni cyo kimenyetso cyiza gishobora gusobanura neza ikuzimu. Urugero, ni gute ibyaha abantu bakoze mu buryo bw'umwuka bizahanwa mu buryo bw'umubiri? Njyewe ntekereza ko kuba hanze mu mwijima n'ikuzimu ari ugutandukana n'Imana no kureba inyuma ku buzima bwakoreshejwe nabi bw'iy'isi. Nshuti yanjye, tekereza nawe usanze hariho undi muriro utwika cyane kurusha

uzatwika umuntu uri ikuzimu aho umwana ashobora kuzabaza ngo, “Data nagukurikiye hano”? ibi byaba bibabaje cyane. Umuntu umwe ni we wabajije Dr. Bill Anderson ngo, “tekereza tugezeyo tugasanga ibyo wabwirije byerekeranye n’ikuzimu atari ukuri namba?” Dr. Anderson aramusubiza ngo, “nzasaba imbabazi maze mvuge ko ntumvise neza Umwami wanjye. Tekereza noneho tugezeyo tugasanga ari ukuri? Byagenda bite?” Nshuti yanjye ni ukuri; iri ni ijambo ry’Imana turi kureba. Dukunda icyanditswe cyo muri Yohana 3:16, ariko se ni iki tubitekerezaho?

Umuriro ntabwo ari ikimenyetso gisobanura neza iby’abayobye, bazatandukanwa n’Imana iteka ryose. Ubu busobanuro buraciriritse ugereranyije n’ukuri, kuko ikimenyetso ari ishusho iciriritse y’ukuri kw’ikintu. Ukuri kurenze cyane ishusho kandi ururimi rw’umuntu ntirusobanura neza ukuri kw’ikintu runaka. Ikuzimu ni ahantu; ariko kandi ni uburyo. Ni ahantu ubugigno buzababarizwa. Uko ni ko Ijambo ry’Imana rivuga—kandi utihannye ntuzahacika.

## HASHINGWA INTEBE Y’UBWAMI YERA ABANYABYAHA BACIRWA URUBANZA

**Mbona intebe y'ubwami nini yera mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. [Ibyahishuwe 20:11].**

Intebe y’ubwami yera ni yo abantu bibeshyeho bakayitiranya ni urubanza rw’abantu bose. Ariko hano *abayobye* bo mu bihe byose, ni bo bonyine bazazurwa ngo bacirwa urubanza. Kuko abakijijwe bazaba bamaze kuzuka mu muzuko wa mbere. Kuko n’abera bo mu gihe cy’amakuba akomeye n’abo bazazuka mu muzuko wa mbere. Uyu tubona hano, ni umuzuko w’abayobye bazazuka ngo bacirwe urubanza rw’imirimo yabo no kutizera kwabo.

Umuntu umwe, igihe yari ku buriri yenda gupfa yabwiye umuvugabutumwa ngo, “muvugabutumwa, ntukwiye kumbwira iby’ejo hazaza. Kuko nzahabonera amahirwe yanjye. Nizera ko Imana itazaca urwa kibera kandi ko izaba inyakuri none ndeka nerekane imirimo yanjye.”

Wa muvugabutumwa aramubwira ngo, “ni byo rwose. Ntica urwa kibera kandi ni inyakuri, kandi izakureka werekane imirimo yawe. Ibyo ni byo ivuga ko izakora. Ariko gufitiye inkuru: kuri urwo rubanza nta n’umwe uzakizwa, kuko udashobora gukizwa ku bw’imirimo yawe. Igihe uzahagarara mu bwiza bw’Imana bwera, imirimo yawe mito izaba mibi cyane kuburyo itazagira aho ikugeza na hamwe.”

McGee avuga ko umunsi umwe, umwuzukuru wabo muto yazaniye nyirakuru indabo. Ati mu by'ukuri ko zari indabo mbi. Ariko uwo mwuzukuru wabo aziha nyirakuru yishimye cyane, nuko nyirakuru amushimashima mu mutwe aramushimira amubwira ko amuhaye indabo nziza. McGee ngo azitereje nta kindi yumvaga yakora usibye guseka gusa ariko muri ako kanya, McGee yahise abihuza n'uburyo abantu bamwe bibwira ko ari beza kandi ko bazazanira Kristo indabo nyamara baramwanze. Bene aba batekereza ko bazamera nk'uyu nyirakuru w'uyu muhungu muto bakibwira ko wenda Yesu azabashimashima mu mutwe maze akababwira ngo, "mbega ukuntu muri abantu beza!" Nshuti yanjye, ibi birababaje kandi birakomeye. Ukeneye Kristo nk'Umukiza wawe kugira ngo uhagarare mu bwiza bwe; ugomba kwambara umwambaro wo gukiranuka wa Kristo. Ntabwo uzi ko tudafite uyu mwambaro tuba turi abanyabyaha kandi tuba *twarayobye*?

Dukunda kwigereranya n'abandi bantu, tukavuga ngo: "ndi mwiza nka kanaka." Ni byo uri mwiza ariko ugomba kubanza kumenya uwo wigereranya na we! Uwitwa Samuel Johnson ni we wavuze ngo, "Buri wese hari ibyo yiyiziho atatinyuka kubibwira inshuti ye magara." Uriyizi ubwawe, ndabeshya? Uzi ibyo uhisha muri wowe udashobora guhishurira isi. Ariko ku munsi w'urubanza, Umwami Yesu azabishyira ku mugaragaro; igihe uzaba umuzaniye indabo zawe nawe azakubwira ibyawe. Nshuti yanjye, uyu munsi ukeneye Umukiza.

Iyi ni intebe y'Imana yera, kandi kwera kw'iyi ntebe guhishurwa mu buryo ijuru n'isi bizifata, kuko twasomye ngo: "isi n'ijuru bihunga mu maso hayo." Ashingiye kuri aya magambo, John F. Walvoord, mu gitabo cye yise *The Revelation of Jesus Christ,* yakoze commentaire agira ati:

Uburyo bwiza kandi bw'umwimerere busobanura uburyo ijuru n'isi bizahunga mu maso h'Imana ni ukuvuga ko ijuru n'isi bizarimburwa maze hakabaho ijuru rishya n'isi nshya. Ibi nanone byemezwa n'amagambo aboneka mu Ibyahishuwe 21:1 aho Yohana yabonye ijuru rishya n'isi nshya, maze akabona ijuru rya mbere n'isi ya mbere bisimburwa.

Uzaba yicaye kuri iyo ntebe ni Umwami Yesu Kristo: "Kuko ari nta n'umwe Data aciraho iteka, ahubwo yabihaye Umwana …. kuko nk'uko Data afite ubugingo muri we, ni ko yabuhaye Umwana ngo abugire na we. Kandi yamuhaye ubutware bwo guca amateka, kuko ari Umwana w'umuntu. Ntimutangazwe n'ibyo kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi

rye bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo, naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka.” (Yohana 5:22, 26–29).

Umurimo w’Imana ni uwuhe? Ni “…uko mwizera uwo yatumye” (Yohana 6:29). Abakoze neza, ni abemeye Kristo bakazukana na we—ni ukuvuga umuzuko wa mbere. Abakoze nabi bazazuka kugira ngo bacirweho iteka—ari byo bisobanura guhagarara imbere y’intebe y’ubwami yera.

**Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyo ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze.**

**Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, Urupfu n'Ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze. [Ibyahishuwe 20:12–13].**

*Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyo ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze.*

*Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, Urupfu n'Ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze.*

Yego nshuti yanjye, uzacirwa urubanza rugukwiriye. Ubuzima bwawe bubitswe muri mudasobwa kandi Kristo azaba afite iyo mudasobwa. Nayifungura uzabona ibyawe byose, kandi ndabizi ko kukubwira ibi bitaguhimisha. Urifuza guhagarara imbere y’Imana maze ikakwereka ibyawe byose. Yego rwose, ni ko bizagenda, Imana izakwereka amashusho y’ibyawe byose ubirebe nk’ureba televiziyo. Utekereza ko ubuzima bwawe ari bwiza ku buryo uzatsinda icyo kizami? Ntabwo nzi ibyawe, ariko njyewe icyo kizami sinabasha kugitsinda. Ni cyo gituma nshima Imana ku bw’imbabazi zayo—“ Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana.” (Abefeso 2:8).

Abapfuye babarwa mu bato n’abakomeye. Bose barayobye kandi amazina yabo ntiyanditse mu gitabo cy’ubugingo. Ntibigeze bahindukirira Imana ngo babone agakiza. Mu gihe cye, Umwami Yesu yaravuze ngo, “…mwanze kuza aho ndi, ngo muhabwe ubugingo.” (Yohana 5:40). Aba bantu bazahagarara imbere y’intebe ye y’ubwami ntibazigera bagarukira Imana.

Igitabo batubwira hano kizaba cyanditswemo imirimo y’abantu bose. Imana iriho irabika ibikorwa bya buri muntu, kandi igihe nikigera izerekana ibyo buri wese yakoze. Kuri uwo minsi kandi hazerekanwa ibyo abanyepolitike benshi bakoze, hamwe n’abandi bantu bakomeye bazwi cyane mu isi—kabone ndetse n’abavugabutumwa—abo nabo ibyabo bizerekanwa kuri uwo munsi, kandi ntabwo bazabyishimira. Niba warakijijwe, uzabasha kubyishimira. Kandi niba warakijijwe ntuzahagarara imbere y’uru rubanza batubwira hano. Kuko imirimo yawe nk’umwana w’Imana izacirwa urubanza imbere y’intebe ya Kristo, kandi intego izaba ari uguhembwa (ibi wabisoma 2 Abakorinto 5:10). Abazahagarara imbere y’intebe y’ubwami yera ni abayobye gusa. Abantu benshi bashaka gucirwa urubanza hashigiwe ku mirimo yabo. Aya ni yo mahirwe yabo. Ariko uru rubanza ntabwo ntiruzabera,kandi nta n’umwe uzakizwa ku bw’imirimo ye.

“Inyanja igarura abapfuye bo muri yo.” Abantu benshi bashyinguwe mu mazi, bamwe ivu ry’umubiri wabo ryajugunywe mu mazi bazazuka. Imana ntizagira ikibazo kuri ibi. Kuko icyo izakora gusa ni ukubahuriza hamwe. Yigeze kubikora kandi izongera ibikore. Imva zo ku butaka zizagarura imibiri y’abantu, n’ikuzimu hamwe n’ahandi hantu imyuka y’ubugingo yazimiriye. Aba bapfuye bose bazazuka kugira ngo bacirwe urubanza.

**Incamake**

Ingoma y’imyaka igihumbi nirangira, Satani azongera abohorwe kandi abantu benshi bazongera kumukurikira. Nyuma Imana izagaragara yicaye ku ntebe y’ubwami yera kugira ngo icier urubanza abayobye bose.

**Isengesho**

*Mana tukimara kwiga iri jambo, mfashe umwanya nsengera uyu muvandimwe wanteze amatwi kukwizera niba koko atarakizwa. Umwereke ko iy’isi yacu iri kugana ku musozo w’ibihe kandi ko ibi byose dusoma biri hafi gusohora. Bityo ategure ahazaza he nyuma y’ubu bugingo. Mbisenze mu izina rya Yesu Kristo Umwami wacu, amen!*

Urakoze gutega amatwi ikiganiro cy’uyu munsi, ubutaha ningaruka nzakubwira ibyerekeye ijuru rishya, isi nshya na Yerusalemu nshya.

Zirikana aya magambo Umwami yavuze, agira ati; “dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo”